**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**B.P. 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/ INTUMWA NKURU YA LETA MU GIKORWA CYO GUSHYINGURA MU CYUBAHIRO IMIBIRI Y'ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, RUKUMBERI.**

**TARIKI YA 22/05/2021**

Bayobozi batandukanye muteraniye hano ;

Abahagarariye imiryango y'ababuze ababo dushyingura mu mwanya ; ndetse n'abandi mwaje kwifatanya natwe muri iki gikorwa ;

Ndabanza kwihanganisha no gukomeza abashyingura ababo uyu munsi ndetse n'abaje kubafata mu mugongo ; nanihanganisha kandi n'abanyarwanda muri rusange babuze ababo muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ndahumuriza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, nasaba ko duhuza imbaraga zacu kugira ngo twibuke twiyubaka ; twubaka igihugu cyacu. Mu

kwibuka niho dukura imbaraga zo kubaho kuko umuryango utibukwa wibagirana.

Mbashimiye kandi uburyo mwitabiriye iyi gahunda yo kwibuka no guha icyubahiro abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi; ari abasanzwe baruhukiye hano mu rwibutso rwa Rukumberi, ari nabo tugiye gushyingura uyu munsi babonetse kuri *sites* zigera kuri esheshatu ndetse n'abandi bose bishwe tutaramenya aho bajugunywe hirya no hino.

Ndashimira abacitse ku icumu kubera kwihangana bagaragaza mu bibazo byose bahura nabyo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, harimo no kuba hari imibiri y'ababo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi itaraboneka bikomeje gushavuza benshi.

Mbashimiye mbikuye ku mutima ubwihangane mugaragaza ndetse n'iki gikorwa mumazemo iminsi hano RUKUMBERI cyo gushaka imibiri no kuyitunganya guhera mu kwezi kwa munani 2020, kugira ngo ishyingurwe kuri uyu munsi. Ni igikorwa cyabavunnye ariko mwagikoze neza ku bufatanye bw'inzego zose.

Nk'uko tumaze kubisobanurirwa mu kiganiro gicukumbuye ku mateka ya Rukumberi twahawe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG, abishe aba Batutsi twaje gushyingura mu cyubahiro uyu munsi, ni abari abayobozi babo bari bashinzwe umutekano w'abaturage ba RUKUMBERI, nyamara bakaba barahisemo inzira y'ubwicanyi bwa Jenoside bwibasiye Abatutsi.

Twagaragarijwe bamwe mu bayoboye umugambi wo gutoteza Abatutsi muri Kibungo na Rukumberi by'umwihariko, barangajwe imbere na Burugumesitiri Silivani MUTABARUKA wayoboye Jenoside mu yahoze ari Komini Sake. Kuba Burugumesitiri MUTABARUKA n'abandi bategetsi baroheje abaturage kwica abaturanyi babo b'Abatutsi basabanaga amazi n'umuriro, bakanahana inka n'abageni, ni ishyano rikomeye ryo kurenga ku ndangagaciro z'ubumwe bw'abanyarwanda zaranze abasogokuruza bacu kuva kera.

Abasokuruza bacu barangwaga no gukunda igihugu, kwibona nka Bene Gihanga, kwemera Imana imwe y'i Rwanda, ntibavugaga Imana y'Abahutu cyangwa y'Abatutsi, cyangwa y'Abatwa. Abanyarwanda banahuriraga mu Itorero batorezwagamo indangagaciro zatumye u Rwanda rukomera mu binyejana byinshi. Abashenye uyu muco nibo mbarutso ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, yimitswe mu myaka ya kera guhera mu 1959.

Uko Jenoside yagenze Rukumberi ni nako yakozwe mu gihugu hose, iki ni igikomere kinini cyatewe n'ubugwari bw'abari abayobozi ; u RWANDA rukaba rukomeje kwomora ibyo bikomere muri iyi myaka 27 ishize Jenoside ihagaritswe kuko hari intambwe nini tumaze gutera mu kubaka igihugu no kwiyubaka.

Leta yacu yihaye gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi buri mwaka, bikaba ari inzira ikomeye yo gukomeza gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no kurwanya abayihakana. Nkaba nsaba by'umwihariko Urubyiruko, abayobozi b'Igihugu cyacu cy'ejo hazaza, ko iyi gahunda ruyigira iyarwo kugira ngo rutazagwa mu mutego w'abakomeje gushakira ikibi igihugu cyacu.

Abayobozi bari mu nzego zitandukanye b'iki gihugu cyacu, natwe tugomba kuzirikana ko abatubanjirije muri Leta za mbere babaye ibigwari, akaba ariyo mpamvu dufite inshingano zo guhesha agaciro inzego turimo zitandukanye tugaragaza ubudasa burangwa no gukorera mu mucyo aho kugana mu mwijima nk'uwaranze Leta za mbere. Tukaba rero tugomba gushishikariza abaturage bacu, abanyarwanda muri rusange kugendera mu mucyo, aho kuba mu mwijima w'ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara mu bantu bamwe na bamwe.

Tugomba gukomeza kwamagana abasize bahekuye u Rwanda, bakanasenya igihugu cyacu ; bakaba bakomeza gukoresha imvugo zo guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi aho bahungiye mu mahanga, haba mu mvugo, mu nyandiko no mu bindi bikorwa.

Tugomba gushyira hamwe nk'abanyarwanda, buri wese akaba ijisho rya mugenzi we, tukirinda icyatugarura muri politiki mbi yatanyaga Abanyarwanda, ikigisha urwango rwo kubuza Abatutsi uburenganzira bwo kubaho, kwiga, kuva no kujya aho bashaka mu gihugu, kubona akazi n'ubundi burenganzira bwa ngombwa bimwe na Leta zabayeho kuva muri 1959 nk'uko twabigaragarijwe mu kiganiro twahawe.

Nta munyarwanda numwe, ugendera mu mucyo, ugomba kugira ubwoba bwo kwamagana abagifite imitekerereze nk'iyo; tugomba natwe gukoresha uburyo nabo bakoresha haba muri *social media*, mu mvugo cyangwa mu nyandiko.

Hari abasize bakoze Jenoside mu gihugu cyacu bakidegembya hirya no hino ku isi, harimo n'abakoze Jenoside Rukumberi batarafatwa ngo bagezwe imbere y'inzego z'Ubutabera. Ntabwo tuzahwema gukangurira ibihugu bibacumbikiye ko bafatwa bakaburanishirizwa muri ibyo bihugu cyangwa se bakoherezwa kuburanishirizwa mu gihugu cyacu aho bakoreye ibyaha.

Ku kibazo cy'abahishe amakuru kuri iyi mibiri yataburuwe hirya no hino hano mu bice bigize Umurenge wa Rukumberi, nziko hamaze gufatwa abantu cumi na batandatu (16), abandi babiri (2) bakaba baratorotse. Ndabizeza ko inzego z'ubutabera zizakora akazi kazo, bityo ibyaha nibibahama bazabihanirwe nk'uko amategeko abiteganya.

Ndibutsa ko itegeko rigenga icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano nayo riteganya mu ngingo yaryo ya 8 guhana buri wese "*uhisha ku bushake, wangiza, usibanganya cyangwa utesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye Jenoside*." Uhamwe n'icyo cyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icyenda (9) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Abahisha amakuru rero ku hari imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside bamenye ko iri tegeko ribareba kandi murumva ko ibihano by'icyo cyaha bikomeye.

Umwanya nk'uyu kandi dukwiye gushima Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME, wari ku isonga ry'ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi, zitanze zigahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi. Turamushimira uburyo yayoboye urugamba rwo kubohora igihugu cyacu, maze akagarurira Abanyarwanda icyizere cyo kubaho; akanatangiza igikorwa cyo kongera kubanisha abanyarwanda kuko iterambere ry'Igihugu ritari gushoboka Abanyarwanda badashyize hamwe.

Mukomeze rero kubumbatira ubumwe bwanyu kuko ari intwaro ikomeye, murenge icyabatanya, mushishikarira gushyiza imbere ikibahuza aribwo bunyarwanda burangwa n'indangagaciro zo gukunda igihugu no gushyira imbere inyungu rusange ; duharanira kwigira no kwihesha agaciro.

Haracyariho bamwe batishimira aho Igihugu cyacu kigeze cyiyubaka, nubwo iterambere ryacyo rigaragarira buri wese kandi namwe ntimubiyobewe, bakaba bagihembera ingengabitekerezo ya Jenoside, bapfobya cyangwa bahakana Jenoside yakorewe Abatutsi. Abo bose tugomba kubarwanya twivuye inyuma, tugakomeza kubaka ejo hazaza heza, dusobanurira urubyiruko amateka, ariko tunabatoza indangagaciro nziza z'umuco nyarwanda abakoze Jenoside batatiye bakagusha u Rwanda mu rwobo rwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Rubyiruko muri hano ni mwebwe mugize igice kinini cy'abanyarwanda ; mufite ubuzima burebure imbere yanyu, mukaba mufite amahirwe adasanzwe yo gukurira mu gihugu kiyobowe neza, mugomba rero kuba imbaraga zubaka Igihugu cyacu. Mugomba kwirinda ababashuka hato mutazisanga mwashenye ibyo tumaze kubaka mu myaka 27 ishize Jenoside ihagaritswe.

Mu gusoza, nagira ngo nongere nshimire mwebwe mwese mwitabiriye uyu muhango ndetse nongera kwihanganisha no gukomeza abafite ababo babonetse hirya no hino tugiye gushyingura uyu munsi.

Ndabashimiye.

Dukomeze kwibuka twiyubaka.